TERRITOIRE DE RUHENGERI.
CHEFFERIE DEE BUKONYA-BUGARURA.

Muramba le I2/2/I958.

n° 85/
19/2/58

Kwa Bwana Administrateur wa Territoire

Ndabaramutsa;

Nkurikije barwa yanyu ya N° A.56/A/I.I4.ya tarki I8/I/58,yabazaga iby'Urubanza rwa Umulima ya Rukaza na Ntahondi. Ndabasubiza yuko,nagiye yo none,le I2/2/58,najyanye n'abacamanza b bahoze mu Rukiko rwa Territoire,impanvu yatumye mbashaka,nuko muli urwo rubanza,nuko aribo bashinze imbago mu milima ya RUKAZA n a NTIBITANGIRA,ngira ngo ndebe imbago bashinze,ndebe ko n'umulima wa SERUGAMBA avuga,arimo uli.

Ndongera mpamagara Abacamanza bo mu Rukiko rwa MURAMBA,kugira ngo nabo,banyereke umulima NTAHONDI yaburanaga na RUKAZA, yuko ali uwa SERUGAMBA;cyanga se ko ali undi atali uwa SERUGAMBA.-

I.- Abacamanza bo mu Rukiko rwa Territoire ;banyerekse umulima udahuje n'uwa SERUGAMBA.

II. Abacamanza bo mu Rukiko rwa Chefferie;nabo banyeretse umulima uli mu isambu RUKAZA yatsindiye kera;kuli NTIBITANGIRA.-
Kandi ntabwo wegeranye n'imilimaya SERUGAMBA;imilima ya SERUGAMBA - ili ukwayo.

III. Mbajije na S/Chef KALEGEYA;uko abizi nuko yabibajije mu B'Aturage bo muli S/Chefferie ye;-
Ambwira yuko uwo mulima ali uwa SERUGAMBA yawuguze na RWAMUHUNGA se wa NTAHONDI.
Kereka umuntu I. witwa MUNYANDEKWE niwe wavuze yuko umulima ali uwa KIGOMBE;se wabo wa RUKAZA.-

Kuli zo mpamvu zose za haruguru;zinteye kubwira RUKAZA kureka kulengerera;akagumana imilima yatsindiye NTIBITANGIRA.

Icyo RUKAZA;ashubije kuli byo;avuze yuko;
Abacamanza birengagije imbago bashinze mbere;
Ati:" nzabarega tubiburane.
Aresaba lero uruhusa rwo kuburana n'ABACAMANZA. XXXXX

Umutwale w'Intara RWABUKAMBA J.B.

Traduite

Ruhengeri
3979